

ITEKA RYA PEREZIDA N° 099/01 RYO KU WA 18/09/2019 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA IBIRIBWA N'IMITI MU RWANDA

PRESIDENTIAL ORDER N° 099/01 OF 18/09/2019 ESTABLISHING SPECIAL STATUTES GOVERNING EMPLOYEES OF RWANDA FOOD AND DRUGS AUTHORITY

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 099/01 DU 18/09/2019 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LE PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET PHARMACEUTIQUES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article Premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimu

Article 2: Organisational structure

Article 2: Structure organisationnelle

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka abakozi ba Rwanda FDA

Article 3: Modalities for recruitment of personnel of Rwanda FDA

Article 3: Modalités de recrutement du personnel de Rwanda FDA

Ingingo ya 4: Igihe cy'igeragezwa

Article 4: Probation period

Article 4: Stage probatoire

Ingingo ya 5: Koroherezwa urugendo ku mukozi wimuwe

Article 5: Transport facilitation to an employee under transfer

Article 5: Facilitation de transport pour un agent muté

Ingingo ya 6: Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi

Article 6: Salary and fringe benefits

Article 6: Salaire et autres avantages

Ingingo ya 7: Kuvuza umukozi wa Rwanda FDA

Article 7: Medical care for an employee of Rwanda FDA

Article 7: Soins médicaux d'un agent de Rwanda FDA

Ingingo ya 8: Ubutumwa bw'akazi

Article 8: Official mission

Article 8: Mission officielle

Ingingo ya 9: Ikoreshwa ry'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta

Article 9: Application of the Law establishing the general statute for public service

Article 9: Application de la loi portant statut général de la fonction publique

Ingingo ya 10: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 10: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 11: Repealing provision

Article 11: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 12: Commencement

Article 12: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 099/01 RYO KU WA 18/09/2019 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA IBIRIBWA N'IMITI MU RWANDA

PRESIDENTIAL ORDER N° 099/01 OF 18/09/2019 ESTABLISHING SPECIAL STATUTES GOVERNING EMPLOYEES OF RWANDA FOOD AND DRUGS AUTHORITY

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 099/01 DU 18/09/2019 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LE PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET PHARMACEUTIQUES

Twebwe KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho Ikigo gishinzwe Kugenzura Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 30 n'iya 31;

Pursuant to Law n° 003/2018 of 09/02/2018 establishing Rwanda Food and Drugs Authority and determining its mission, organisation and functioning, especially in Articles 29, 30 and 31;

Vu la Loi n° 003/2018 du 09/02/2018 portant création de l'Office Rwandais des Produits Alimentaires et Pharmaceutiques et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 29, 30 et 31;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 2;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 2;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubuzima;	On proposal by the Minister of Health;	Sur proposition du Ministre de la Santé;
Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 02/05/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 02/05/2018;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 02/05/2018;
TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:	HAVE ORDERED AND ORDER:	AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article Premier:</u> Objet du présent arrêté
Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi b'Ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda, cyitwa "Rwanda FDA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.	This Order establishes the special statutes governing the employee of Rwanda Food and Drugs Authority, abbreviated as "Rwanda FDA".	Le présent arrêté établit le statut particulier régissant le personnel de l'Office Rwandais des Produits Alimentaires et Pharmaceutiques, dénommé "Rwanda FDA" en sigle anglais.
<u>Ingingo ya 2:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo	<u>Article 2:</u> Organisational structure	<u>Article 2:</u> Structure organisationnelle
Inzego z'imirimo n'imyanya biyana igaragazwa ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Rwanda FDA.	Employment levels and related job positions appear in the organisational structure of Rwanda FDA.	Les niveaux d'emploi et les postes correspondants au sein de Rwanda FDA sont contenus dans le cadre organique.
Umukozi wa Rwanda FDA ashirwa mu mwanya hakurikijwe urwego uwo murimo uriho ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo.	An employee of Rwanda FDA is appointed to a job position that corresponds to the employment level on the organisational structure.	Un agent de Rwanda FDA est affecté à un poste qui correspond au niveau d'emploi sur le cadre organique.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere y'inzego z'imirimo za Rwanda FDA.	A Prime Minister Order establishes the organisational structure of Rwanda FDA.	Un arrêté du Premier Ministre établit la structure organisationnelle de Rwanda FDA.

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka abakozi ba Rwanda FDA

Article 3: Modalities for recruitment of personnel of Rwanda FDA

Article 3: Modalités de recrutement du personnel de Rwanda FDA

Gushaka abakozi ba Rwanda FDA bikorwa binyuze mu ipiganwa iyo umwanya:

Recruitment of personnel for Rwanda FDA is carried out through competition if the post:

Le recrutement du personnel de Rwanda FDA s'effectue par concours si le poste:

1° uteganyijwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo;

1° exists on the organizational structure;

1° existe sur la structure organisationnelle;

2° wagenewe amafaranga mu ngengo y'imari;

2° is budgeted for;

2° lest budgétisé;

3° ukenewemo umukozi.

3° is vacant.

3° est vacant.

Umubare wa ngombwa w'abakozi ba Rwanda FDA ugenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Rwanda FDA.

The required number of employee of Rwanda FDA is determined in accordance with the organisational structure of Rwanda FDA.

L'effectif nécessaire du personnel de Rwanda FDA est déterminé sur base de la structure organisationnelle de Rwanda FDA.

Ingingo ya 4: Igihe cy'igeragezwa

Article 4: Probation period

Article 4: Stage probatoire

Umukozi utangiyeye akazi muri Rwanda FDA ahabwa igihe cy'igereragezwa giteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

An employee who is appointed at Rwanda FDA is subject to a probation period provided for by the law establishing the general statutes for public service.

L'agent qui est affecté au sein de Rwanda FDA est soumis au stage probatoire prévu par la loi portant statut général de la fonction publique.

Icyakora, umuntu wimenyereje akazi muri Rwanda FDA mu gihe cy'amezi atandatu (6) ntabwo ahabwa igihe cy'igeragezwa iyo agiye gukora ku mwanya yimenyerejeho.

However, a person who carried out professional internship in Rwanda FDA for a period of six (6) months is not subject to probation period if he or she is appointed to the job position on which he or she conducted professional internship.

Toutefois, une personne ayant effectué un stage professionnel de six (6) mois au sein de Rwanda FDA n'est pas soumise au stage probatoire lorsqu'elle est affectée au poste similaire à celui qu'elle a occupé lors de son stage professionnel.

Ingingo ya 5: Koroherezwa urugendo ku mukozi wimuwe **Article 5: Transport facilitation to an employee under transfer** **Article 5: Facilitation de transport pour un agent muté**

Iyo Rwanda FDA yimuriye umukozi ahantu hari ku ntera y'ibirometero birenga mirongo itatu (km 30) uvuye aho asanzwe akorera yoroherezwa urugendo mu gihe yimuka.

When Rwanda FDA transfers an employee to a location exceeding thirty kilometers (30 km) from his or her initial place of work, he or she is facilitated in transport.

Lorsque Rwanda FDA mute un agent à un lieu situé à plus de trente kilomètres (30 km) de son lieu d'affectation, il est facilité dans le transport.

Ingingo ya 6: Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi

Article 6: Salary and fringe benefits

Article 6: Salaire et autres avantages

Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Rwanda FDA ugenwa n'Inama y'Ubuyobozi ya Rwanda FDA hakurikijwe imiterere yihariye y'urwego rw'umurimo n'ubushobozi bugendanye n'imari ya Rwanda FDA, hashingiwe ku mbonerahamwe fatizo y'imishahara y'abakozi ba Rwanda FDA kandi imaze kugisha inama Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

The salary and fringe benefits for the employees of Rwanda FDA are determined by the Board of Directors of Rwanda FDA taking into account the specialty of their job positions and the financial capacity of Rwanda FDA, in accordance with the Rwanda FDA salary index grid and after consultation with the Minister in charge of Public Service and the Minister in charge of Finance.

Le salaire et autres avantages accordés au personnel de Rwanda FDA sont déterminés par le Conseil d'Administration du Rwanda FDA compte tenu de la spécialité de leurs services et la capacité financière de Rwanda FDA, conformément à la grille de l'indice salarial de Rwanda FDA et après consultation avec le Ministre ayant la Fonction Publique dans ses attributions et le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Ingingo ya 7: Kuvuza umukozi wa Rwanda FDA

Article 7: Medical care for an employee of Rwanda FDA

Article 7: Soins médicaux d'un agent de Rwanda FDA

Rwanda FDA yunganira umukozi wayo mu kwivuza no kuvuza abo ashinzwe hakurikijwe amategeko agenga ubwishingizi bw'ubuvuzi ku bakozi ba Leta.

Rwanda FDA contributes for medical care for its employee and his or her dependents in accordance with laws governing health insurance for public servants.

Rwanda FDA participe aux dépenses de soins médicaux pour un agent et les dépendants de ce dernier conformément à la législation régissant l'assurance maladie des agents de l'État.

Rwanda FDA ifatira ubwishingizi mu kwivuza

Rwanda FDA subscribes for health insurance

Rwanda FDA souscrit une assurance maladie

umukozi wayo ugiye mu butumwa mu mahanga.	to an employee who goes abroad for official mission.	pour son employé qui va en mission officielle à l'étranger.
Amategeko ngengamikorere ya Rwanda FDA agena uburyo umukozi wayo abona ubwishingizi bw'indwara iyo agiye mu butumwa mu mahanga.	Internal rules and regulations of Rwanda FDA determine modalities of subscribing to health insurance for an employee who goes abroad for official mission.	Le règlement d'ordre intérieur de Rwanda FDA détermine les modalités de souscription à l'assurance maladie pour les agents envoyés à l'étranger pour une mission officielle.
<u>Ingingo ya 8: Ubutumwa bw'akazi</u>	<u>Article 8: Official mission</u>	<u>Article 8: Mission officielle</u>
Mu nyungu z'akazi, Rwanda FDA ishobora kohereza umukozi wayo mu butumwa bw'akazi imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga.	In the interest of service, Rwanda FDA may send its employee for official mission in the country or abroad.	Dans l'intérêt du service, Rwanda FDA peut envoyer son agent en mission officielle à l'intérieur du pays ou à l'étranger.
Ubutumwa bw'akazi imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga bwemezwa n'Umuyobozi Mukuru wa Rwanda FDA.	Official missions within the country or abroad are approved by the Director General of Rwanda FDA.	Les missions officielles à l'intérieur ou à l'étranger sont approuvées par le Directeur Général de Rwanda FDA.
Umuyobozi Mukuru cyangwa Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Rwanda FDA ajya mu butumwa bw'akazi byemejwe n'urwego rubifitiye ububasha.	Official missions of the Director General or the Deputy Director General of Rwanda FDA are approved by the competent authority.	Les missions officielles du Directeur Général ou du Directeur Général Adjoint de Rwanda FDA sont approuvées par l'autorité compétente.
<u>Ingingo ya 9: Ikoreshwa ry'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta</u>	<u>Article 9: Application of the Law establishing the general statute for public service</u>	<u>Article 9: Application de la loi portant statut général de la fonction publique</u>
Ibidateganyijwe muri iri teka bigengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.	Matters not provided for in this Order are governed by the Law establishing the general statute for public service.	Les matières non prévues par le présent arrêté sont régies par la loi portant statut général de la fonction publique.

Ingingo ya 10: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Intebe na Ministiri w'Ubuzima bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Article 10: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister and the Minister of Health are entrusted with the implementation of this Order.

Article 10: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre et le Ministre de la Santé sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 11: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 11: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 12: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 12: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 18/09/2019

Kigali, on 18/09/2019

Kigali, le 18/09/2019

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux